

<p><b>ITEGEKO N° 009/2021 RYO KU WA 16/02/2021 RISHYIRAHU URWEGO RW'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA</b></p>	<p><b>LAW N° 009/2021 OF 16/02/2021 ESTABLISHING RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD</b></p>	<p><b>LOI N° 009/2021 DU 16/02/2021 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE SÉCURITÉ SOCIALE</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b></p>	<p><b><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Establishment of Rwanda Social Security Board</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Création de l'Office rwandais de sécurité sociale</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Definitions</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Définitions</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Legal personality and autonomy</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Personnalité juridique et autonomie</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Urwego rureberera RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Supervising authority of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Autorité de tutelle du RSSB</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Icyicaro cya RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Head office of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Siège du RSSB</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RSSB</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF RSSB</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET COMPETENCES DU RSSB</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7: Intego ya RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 7: Mission of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 7: Mission du RSSB</u></b></p>

<b><u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano za RSSB</b>	<b><u>Article 8:</u> Responsibilities of RSSB</b>	<b><u>Article 8:</u> Attributions du RSSB</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Ububasha bwa RSSB</b>	<b><u>Article 9:</u> Powers of RSSB</b>	<b><u>Article 9:</u> Pouvoirs du RSSB</b>
<b><u>UMUTWE WA III:</u> IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA RSSB</b>	<b><u>CHAPTER III:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RSSB</b>	<b><u>CHAPITRE III:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RSSB</b>
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Imitunganyirize ya RSSB</b>	<b><u>Section One:</u> Organisation of RSSB</b>	<b><u>Section première:</u> Organisation du RSSB</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi za RSSB</b>	<b><u>Article 10:</u> Management organs of RSSB</b>	<b><u>Article 10:</u> Organes de direction du RSSB</b>
<b><u>Akiciro mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</b>	<b><u>Subsection One:</u> Board of Directors of RSSB</b>	<b><u>Sous-section première:</u> Conseil d'Administration du RSSB</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</b>	<b><u>Article 11:</u> Composition of the Board of Directors</b>	<b><u>Article 11:</u> Composition du Conseil d'Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</b>	<b><u>Article 12:</u> Responsibilities of the Board of Directors of RSSB</b>	<b><u>Article 12:</u> Attributions du Conseil d'Administration du RSSB</b>
<b><u>Ingingo ya 13 :</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</b>	<b><u>Article 13:</u> Duties of the Chairperson of the Board of Directors of RSSB</b>	<b><u>Article 13:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration du RSSB</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</b>	<b><u>Article 14:</u> Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors of RSSB</b>	<b><u>Article 14:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration du RSSB</b>
<b><u>Ingingo ya 15 :</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB avanwa muri</b>	<b><u>Article 15:</u> Reasons for loss of membership of the Board of Directors of</b>	<b><u>Article 15:</u> Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration du</b>

<p>uwo mwanya n’uko asimburwa</p> <p><b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Itumizwa n’iterana ry’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB n’ifatwa ry’ibyemezo</p> <p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b>Umwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB</p> <p><b><u>Ingingo ya 18 :</u></b> Itumira ry’undi muntu mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB na raporo yayo</p> <p><b><u>Ingingo ya 20 :</u></b> Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa</p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Ibigenerwa abagize Inama y’Ubuyobozi</p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Uburyozwe bw’abagize Inama y’Ubuyobozi</p> <p><b><u>Akicro ka 2:</u></b> Ubuyobozi Bukuru</p> <p><b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Abagize Ubuyobozi Bukuru</p> <p><b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Inshingano z’Ubuyobozi</p>	<p>RSSB and modalities for replacement</p> <p><b><u>Article 16:</u></b> Convening and holding of the meeting of the Board of Directors of RSSB and decision-making</p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Rapporteur of the meeting of RSSB Board of Directors</p> <p><b><u>Article 18:</u></b> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors of RSSB</p> <p><b><u>Article 19:</u></b> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors of RSSB</p> <p><b><u>Article 20:</u></b> Personal interest in issues on the agenda</p> <p><b><u>Article 21:</u></b> Benefits of members of the Board of Directors</p> <p><b><u>Article 22:</u></b> Liability of members of the Board of Directors</p> <p><b><u>Subsection 2:</u></b> General Management</p> <p><b><u>Article 23:</u></b> Composition of the General Management</p> <p><b><u>Article 24:</u></b> Responsibilities of the General</p>	<p>RSSB et modalités de remplacement</p> <p><b><u>Article 16:</u></b> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’Administration du RSSB et prise de décision</p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Rapporteur de la réunion du Conseil d’administration du RSSB</p> <p><b><u>Article 18:</u></b> Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’Administration du RSSB</p> <p><b><u>Article 19:</u></b> Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration du RSSB</p> <p><b><u>Article 20:</u></b> Intérêt personnel dans les points à l’ordre du jour</p> <p><b><u>Article 21:</u></b> Avantages des membres du Conseil d’Administration</p> <p><b><u>Article 22:</u></b> Responsabilité des membres du Conseil d’administration</p> <p><b><u>Sous-section 2:</u></b> Direction générale</p> <p><b><u>Article 23:</u></b> Composition de la Direction générale</p> <p><b><u>Article 24:</u></b> Attributions de la Direction</p>
--	--	---

<p><b>Bukuru bwa RSSB</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 25</u></b> : Inshingano z’Umuyobozi Mukuru wa RSSB</p> <p><b><u>Ingingo 26</u></b>: Ishyirwaho ry’abakozi ba RSSB</p> <p><b><u>Ingingo ya 27</u></b>: Sitati igenga abakozi ba RSSB</p> <p><b><u>Akiciro ka 3</u></b>: Ingingo zihuriweho</p> <p><b><u>Ingingo ya 28</u></b>: Ibitabangikanywa</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2</u></b>: Imikorere ya RSSB</p> <p><b><u>Ingingo ya 29</u></b>: Uburyo bw’imikorere n’imikoranire by’inzego za RSSB</p> <p><b><u>UMUTWE WA IV</u></b>: UMUTUNGO N’IMARI BYA RSSB</p> <p><b><u>Ingingo ya 30</u></b>: Umutungo wa RSSB n’inkomoko yawo</p> <p><b><u>Ingingo ya 31</u></b>: Itegurwa n’iyemezwa ry’Umushinga w’ingengo y’imari, gahunda y’ibikorwa na raporo y’ibaruramari by’umwaka</p> <p><b><u>Ingingo ya 32</u></b>: Imikoreshereze, imicungire</p>	<p><b>Management</b></p> <p><b><u>Article 25</u></b>: Duties of the Chief Executive Officer of RSSB</p> <p><b><u>Article 26</u></b>: Recruitment of human resources of RSSB</p> <p><b><u>Article 27</u></b>: Statutes governing staff members of RSSB</p> <p><b><u>Subsection 3</u></b>: Common provisions</p> <p><b><u>Article 28</u></b>: Incompatibilities</p> <p><b><u>Section 2</u></b>: Functioning of RSSB</p> <p><b><u>Article 29</u></b>: Modalities of functioning and collaboration of RSSB organs</p> <p><b><u>CHAPTER IV</u></b>: PROPERTY AND FINANCE OF RSSB</p> <p><b><u>Article 30</u></b>: Property of RSSB and its sources</p> <p><b><u>Article 31</u></b>: Drafting and approval of annual budget proposal, action plan and financial report</p> <p><b><u>Article 32</u></b>: Use, management and audit of</p>	<p><b>générale</b></p> <p><b><u>Article 25</u></b>: Attributions du Directeur Général du RSSB</p> <p><b><u>Article 26</u></b>: Recrutement des ressources humaines du RSSB</p> <p><b><u>Article 27</u></b>: Statut régissant les membres du personnel du RSSB</p> <p><b><u>Sous-section 3</u></b>: Dispositions communes</p> <p><b><u>Article 28</u></b>: Incompatibilités</p> <p><b><u>Section 2</u></b>: Fonctionnement du RSSB</p> <p><b><u>Article 29</u></b>: Modalités de fonctionnement et collaboration des organes du RSSB</p> <p><b><u>CHAPITRE IV</u></b>: PATRIMOINE ET FINANCES DU RSSB</p> <p><b><u>Article 30</u></b>: Patrimoine du RSSB et ses sources</p> <p><b><u>Article 31</u></b>: Préparation et adoption de l’avant-projet du budget, plan d’action et rapport financier annuels</p> <p><b><u>Article 32</u></b>: Utilisation, gestion et audit du</p>
---	--	--

n'imigenzurire by'umutungo wa RSSB	property of RSSB	patrimoine du RSSB
<b>UMUTWE WA V: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA</b>	<b>CHAPTER V: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</b>	<b>CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 33:</u> Agaciro k'ibyakozwe</b>	<b><u>Article 33:</u> Validity of undertaken actions</b>	<b><u>Article 33:</u> Validité des actes posés</b>
<b><u>Ingingo ya 34:</u> Kwegurirwa umutungo, amasezerano n'imyenda</b>	<b><u>Article 34:</u> Transfer of property, contracts and liabilities</b>	<b><u>Article 34 :</u> Transfert du patrimoine, des contrats et du passif</b>
<b><u>Ingingo ya 35:</u> Kwegurirwa abakozi</b>	<b><u>Article 35 :</u> Transfer of employees</b>	<b><u>Article 35 :</u> Transfert du personnel</b>
<b><u>Ingingo ya 36:</u> Igihe cy'inzibacyuho</b>	<b><u>Article 36:</u> Transitional period</b>	<b><u>Article 36:</u> Période transitoire</b>
<b><u>Ingingo ya 37:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</b>	<b><u>Article 37:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b>	<b><u>Article 37:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 38 :</u> Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko</b>	<b><u>Article 38:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 38:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 39:</u> Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 39:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 39:</u> Entrée en vigueur</b>

<p><b>ITEGEKO N° 009/2021 RYO KU WA 16/02/2021 RISHYIRAHO URWEGO RW'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA</b></p>	<p><b>LAW N° 009/2021 OF 16/02/2021 ESTABLISHING RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD</b></p>	<p><b>LOI N° 009/2021 DU 16/02/2021 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE SÉCURITÉ SOCIALE</b></p>
<p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p>	<p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p>	<p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République ;</p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT:</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT :</b></p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 23 Ukuboza 2020;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 23 December 2020;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 23 décembre 2020;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 86, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93 iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 122, iya 139, iya 165, iya 166 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 86, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 122, 139, 165, 166 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 86, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 122, 139, 165, 166 et 176;</p>
<p>Isubiye ku Itegeko n° 45/2010 ryo ku wa</p>	<p>Having reviewed Law n° 45/2010 of</p>	<p>Revu la Loi n° 45/2010 du 14/12/2010 portant</p>

<p>14/12/2010 rishyiraho Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p> <p><b><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije</b></p> <p>Iri tegeko rishyiraho Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda. Rigena kandi intego, inshingano, imitunganyirize n'imikorere byarwo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Ishyirwaho ry'Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda</b></p> <p>Hashyizweho Urwego rw'ubwiteganyirize mu Rwanda rwitwa "RSSB" mu magambo ahinnye y'icyongereza.</p> <p>RSSB ni urwego rwihariye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Ibisobanuro by'amagambo</b></p> <p>Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>14/12/2010 establishing Rwanda Social Security Board (RSSB) and determining its mission, organisation and functioning as amended to date;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article One:</u> Purpose of this Law</b></p> <p>This Law establishes Rwanda Social Security Board. It also determines its mission, responsibilities, organisation and functioning.</p> <p><b><u>Article 2:</u> Establishment of Rwanda Social Security Board</b></p> <p>Rwanda Social Security Board, abbreviated as "RSSB" is established.</p> <p>RSSB is a specialised organ.</p> <p><b><u>Article 3:</u> Definitions</b></p> <p>For the purpose of this Law, the following terms are defined as follows:</p>	<p>création de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée à ce jour ;</p> <p><b>ADOPTE :</b></p> <p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p> <p><b><u>Article premier :</u> Objet de la présente loi</b></p> <p>La présente loi porte création de l'Office rwandais de sécurité sociale. Elle détermine également sa mission, ses attributions, son organisation et son fonctionnement.</p> <p><b><u>Article 2 :</u> Création de l'Office rwandais de sécurité sociale</b></p> <p>Il est créé l'Office rwandais de sécurité sociale, "RSSB" en sigle anglais.</p> <p>Le RSSB est un organe spécialisé.</p> <p><b><u>Article 3:</u> Définitions</b></p> <p>Aux fins de la présente loi, les termes suivants sont définis somme suit :</p>
---	--	--

<p>1° <b>ubwiteganyirize:</b> ingamba zishyirwaho na Leta kugira ngo abaturarwanda bashobore kubona ubwishingizi bw'indwara no kurinda abaturage ingaruka zishingiye ku ibura cyangwa igabanuka ry'umusaruro bitewe n'impamvu zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. izabukuru;</li> <li>b. urupfu;</li> <li>c. ubumuga;</li> <li>d. ibyago bikomoka ku kazi;</li> <li>e. ikiruhuko cy'uburwayi;</li> <li>f. ikiruhuko cyo kubyara.</li> </ul> <p>Izo ngamba zishobora kandi kwita ku icumbi, ku mirire myiza, ku burezi, gutakaza akazi, gutunga umuryango no ku kugabanya ubukene hagamijwe imibereho myiza y'abaturage.</p> <p>2° <b>ubwishingizi</b> mu kwivuzana n'ubwishingizi bwo kwivuzana</p>	<p>1° <b>social security:</b> Government strategies aimed at providing to people living in Rwanda health insurance and social protection from effects based on lack or reduction of income due to the following reasons:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. old age;</li> <li>b. death;</li> <li>c. disability;</li> <li>d. occupational hazards;</li> <li>e. sick leave;</li> <li>f. maternity leave.</li> </ul> <p>The strategies may also provide for shelter, adequate nutrition, education, support due to loss of job, provision for family and poverty reduction with intention to achieve social welfare.</p> <p>2° <b>health insurance:</b> community-based health insurance scheme and medical insurance scheme for public servants</p>	<p>1° <b>sécurité sociale:</b> stratégies gouvernementales visant à fournir une assurance maladie aux personnes vivant au Rwanda ainsi qu'une protection sociale contre les conséquences liées au manque ou à la diminution de revenu résultant des causes suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. vieillesse;</li> <li>b. décès ;</li> <li>c. handicap;</li> <li>d. risques professionnels;</li> <li>e. congé de maladie;</li> <li>f. congé de maternité.</li> </ul> <p>Ces stratégies peuvent également viser le logement, la bonne nutrition, l'éducation, le soutien en cas de perte d'emploi, la subvention aux besoins de la famille et la réduction de la pauvreté dans le but du bien-être social.</p> <p>2° <b>assurance maladie:</b> la mutuelle de santé et l'assurance médicale pour les Agents de l'État régis par le statut</p>
---	--	--



<p>bugenewe abakozi ba Leta bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta, abakozi bagengwa na sitati zihariye cyangwa abagengwa n'itegeko rigenga umurimo mu Rwanda, abakozi b'ibigo by'abikorera biyandikishije mu bwishingizi bw'indwara butegetswe; kimwe n'abari mu kiruhuko cy'izabukuru batangaga imisanzu.</p>	<p>governed by general statutes governing public servants, by special statutes or by law regulating labour in Rwanda; employees in private institutions affiliated to the compulsory health insurance scheme; and pensioners who contributed to the health insurance scheme.</p>	<p>général régissant les agents de l'Etat, les statuts spéciaux ou la loi portant réglementation du travail au Rwanda; les travailleurs des établissements privés affiliés au régime d'assurance maladie obligatoire et les retraités ayant contribué à l'assurance maladie.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 4</u> : Ubuzimagatozi n'ubwisanzure</b></p>	<p><b><u>Article 4: Legal personality and autonomy</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Personnalité juridique et autonomie</u></b></p>
<p>RSSB ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo.</p>	<p>RSSB has a legal personality, administrative and financial autonomy.</p>	<p>Le RSSB est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 5</u> : Urwego rurererera RSSB</b></p>	<p><b><u>Article 5: Supervising authority of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Autorité de tutelle du RSSB</u></b></p>
<p>Urwego rurererera RSSB ni Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo.</p>	<p>The supervising authority of RSSB is the Ministry in charge of finance.</p>	<p>L'autorité de tutelle du RSSB est le Ministère ayant les finances dans ses attributions.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Icyicaró cya RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Head office of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 6 : Siège du RSSB</u></b></p>
<p>Icyicaró cya RSSB kiri mu Muji wa Kigali. Igihe bibaye ngombwa, icyicaró gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.</p>	<p>The head office of RSSB is located in the City of Kigali. If considered necessary, the head office may be transferred elsewhere on Rwandan territory by a Prime Minister's Order.</p>	<p>Le siège du RSSB est établi dans la Ville de Kigali. En cas de nécessité, le siège peut être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda par arrêté du Premier Ministre.</p>
<p>Igihe bibaye ngombwa, RSSB ishobora</p>	<p>If considered necessary, RSSB may have</p>	<p>En cas de nécessité et sur décision du Conseil</p>

<p>kugira amashami ahandi hose mu Gihugu, kugira ngo igere ku ntego zayo, byemejwe n’Inama y’Ubuyobozi.</p> <p><b>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N’UBUBASHA BYA RSSB</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Intego za RSSB</u></b></p> <p>RSSB ifite intego yo gucunga no guteza imbere ubwiteganyirize mu Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Inshingano za RSSB</u></b></p> <p>Inshingano za RSSB ni izi zikurikira:</p> <p>1° gucunga no guteza imbere pansiyoy’izabukuru, ibigenerwa abasizwe n’uwiteganyirije wapfuye, ibigenerwa uwagize ubumuga budafitanye isano n’akazi, ubwishingizi bw’ibyago bikomoka ku kazi, ubwishingizi bw’ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, ubwishingizi bw’indwara n’ubwizigame bw’igihe kirekire;</p> <p>2° kwandika abakoresha, abakozi, abateganyirijwe n’abiteganyirije ku bushake mu bwiteganyirize icunga;</p>	<p>branches elsewhere in the country, in order to fulfil its mission upon approval by the Board of Directors.</p> <p><b>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF RSSB</b></p> <p><b><u>Article 7: Mission of RSSB</u></b></p> <p>The mission of RSSB is to manage and promote social security in Rwanda.</p> <p><b><u>Article 8: Responsibilities of RSSB</u></b></p> <p>Responsibilities of RSSB are the following:</p> <p>1° to manage and promote old age pension, survivorship benefits, non-occupational invalidity benefits, occupational hazards insurance, maternity leave benefits scheme, health insurance and the long-term saving scheme;</p> <p>2° to register employers, employees, beneficiaries and voluntary contributors in social security schemes under its management;</p>	<p>d’administration, le RSSB peut établir des agences en tout autre lieu du territoire national pour s’acquitter de sa mission.</p> <p><b>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DU RSSB</b></p> <p><b><u>Article 7 : Mission du RSSB</u></b></p> <p>La mission du RSSB est de gérer et promouvoir la sécurité sociale au Rwanda.</p> <p><b><u>Article 8: Attributions du RSSB</u></b></p> <p>Les attributions du RSSB sont les suivantes :</p> <p>1° gérer et promouvoir la pension de vieillesse, les prestations de survivant, les prestations d’invalidité d’origine non professionnelle, l’assurance des risques professionnels, régime des prestations de congé de maternité, régime d’assurance maladie et d’épargne à long terme;</p> <p>2° enregistrer les employeurs, les employés, les bénéficiaires et les affiliées volontaires dans les régimes de sécurité sociale sous sa gestion;</p>
---	--	--

*Official Gazette n° Special of 17/02/2021*

<p>3° gukurikirana, gukusanya no gucunga imisanzu y'ubwiteganyirize;</p>	<p>3° to monitor, collect and manage social security contributions;</p>	<p>3° faire le suivi, collecter et gérer les cotisations de la sécurité sociale;</p>
<p>4° kugenzura no gusuzuma ko amategeko y'ubwiteganyirize yubahirizwa;</p>	<p>4° to conduct audit and inspection to ensure compliance with social security laws;</p>	<p>4° procéder à l'audit et à l'inspection pour s'assurer de la conformité à la réglementation de la sécurité sociale;</p>
<p>5° kwishyura ibigenerwa abiteganyirije n'abateganyirijwe;</p>	<p>5° to pay social security benefits to beneficiaries;</p>	<p>5° payer les prestations de la sécurité sociale aux bénéficiaires;</p>
<p>6° gushora imari mu Rwanda cyangwa mu mahanga hakurikijwe amategeko abigenga;</p>	<p>6° to invest in Rwanda or abroad in accordance with relevant laws;</p>	<p>6° investir, au Rwanda ou à l'étranger, conformément à la législation en la matière;</p>
<p>7° kugira uruhare mu itegurwa rya politiki y'ubwiteganyirize;</p>	<p>7° to contribute to the elaboration of social security policy;</p>	<p>7° contribuer à l'élaboration de la politique de sécurité sociale;</p>
<p>8° kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zo kwita ku icumbi, ku mirire myiza, ku burezi, gutakaza akazi, gutunga umuryango no ku kugabanya ubukene hagamijwe imibereho myiza y'abatwaga;</p>	<p>8° to contribute in designing strategies for shelter, adequate nutrition, education, support due to loss of jobs, provision for family and poverty reduction with intention to achieve social welfare;</p>	<p>8° contribuer à la mise en place des stratégies visant le logement, la bonne nutrition, l'éducation, le soutien en cas de perte d'emploi, subvention aux besoins de la famille et la réduction de la pauvreté dans le but du bien-être social;</p>
<p>9° kugira inama Guverinoma mu bijyanye n'ubwiteganyirize;</p>	<p>9° to advise the Government on matters relating to social security;</p>	<p>9° conseiller le Gouvernement en matière de sécurité sociale;</p>
<p>10° gushyikirana no gukorana n'izindi nzego bihuje intego haba ku rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga;</p>	<p>10° to establish relations and collaborate with other regional or international institutions with similar mission;</p>	<p>10° entretenir des relations et collaborer avec des institutions régionales ou internationales ayant la même mission;</p>

<p>11° gukora indi nshingano yahabwa n'itegeko.</p> <p>Mu kuzuza izi nshingano, RSSB ishobora kwifashisha urundi rwego bibaye ngombwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Ububasha bwa RSSB</u></b></p> <p>RSSB ifite ububasha bukurikira:</p> <p>1° gushyiraho no kumenyekanisha amabwiriza ngenderwaho arebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo;</p> <p>2° kugira no gukoresha amabwiriza yihariye agenga amasoko ya RSSB;</p> <p>3° gushyiraho amabwiriza akena amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano bijyanye na yo ku bafatanyabikorwa bayo;</p> <p>4° kwishyura ku ngufu umukoresha utarishyuye imisanzu y'ubwiteganyirize butegetswe ;</p> <p>5° kugura no kugurisha umutungo na serivisi;</p>	<p>11° to perform such other duties as may be assigned by Law.</p> <p>If necessary, RSSB may seek support from another organisation in order to discharge its responsibilities.</p> <p><b><u>Article 9: Powers of RSSB</u></b></p> <p>RSSB has the following powers:</p> <p>1° to set up and disseminate guidelines pertaining to the implementation of its responsibilities;</p> <p>2° to have and apply specific rules regulating RSSB procurement;</p> <p>3° to set up rules regarding administrative liabilities and sanctions applicable to its partners;</p> <p>4° to forcefully recover social security contributions from an employer who defaulted;</p> <p>5° to purchase and sell properties and services;</p>	<p>11° effectuer toute autre tâche pouvant lui être confiée par la loi.</p> <p>En cas de nécessité, le RSSB peut recourir aux services d'un autre établissement aux fins d'accomplissement de ses attributions.</p> <p><b><u>Article 9: Pouvoirs du RSSB</u></b></p> <p>Les compétences du RSSB sont les suivantes :</p> <p>1° établir et diffuser les directives relatives à la mise en œuvre de ses responsabilités;</p> <p>2° disposer des règles spécifiques régissant la passation de marchés du RSSB et les mettre en application ;</p> <p>3° mettre en place des règles relatives à la responsabilité et sanctions administratives applicables à ses partenaires;</p> <p>4° imposer un recouvrement forcé contre un employeur suite au défaut de versement des cotisations;</p> <p>5° acheter et vendre des biens et des services;</p>
---	--	---

<p>6° guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsu iteganywa n'amategeko.</p>	<p>6° to impose administrative fines provided for by law.</p>	<p>6° imposer des amendes administratives prévues par la loi.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA RSSB</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RSSB</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RSSB</u></b></p>
<p><b><u>Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize ya RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Section One: Organisation of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Section première: Organisation du RSSB</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 10: Inzego z'ubuyobozi za RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 10: Management organs of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 10: Organes de direction du RSSB</u></b></p>
<p>Inzego z'ubuyobozi za RSSB ni izi zikurikira:</p>	<p>Management organs of RSSB are the following:</p>	<p>Les organes de direction du RSSB sont les suivants:</p>
<p>1° Inama y'Ubuyobozi;</p> <p>2° Ubuyobozi Bukuru.</p>	<p>1° the Board of Directors;</p> <p>2° the General management.</p>	<p>1° le Conseil d'administration;</p> <p>2° la Direction générale.</p>
<p><b><u>Akicro ka mbere: Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Subsection One: Board of Directors of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Sous-section première: Conseil d'administration du RSSB</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 11: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 11: Composition of the Board of Directors of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 11: Composition du Conseil d'administration du RSSB</u></b></p>
<p>Inama y'Ubuyobozi ya RSSB igizwe nibura n'abantu icyenda (9) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida barimo Perezida na Visi Perezida.</p>	<p>The Board of Directors of RSSB is composed at least of nine (9) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.</p>	<p>Le Conseil d'administration du RSSB est composé d'au moins neuf (9) membres nommés par arrêté présidentiel, dont le Président et le Vice-Président.</p>
<p>Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</p>	<p>Members of the Board of Directors of RSSB</p>	<p>Les membres du Conseil d'administration du</p>

<p>batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.</p> <p>Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB bagomba kuba ari abagore.</p> <p>Abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo igihe cy'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></b></p> <p>Inama y'Ubuyobozi ishahiraho politiki rusange ya RSSB ikanakurikirana ishahirwa mu bikorwa ryayo.</p> <p>By'umwihariko, Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gushyiraho abandi bagize Ubuyobozi Bukuru, uretse abashyirwaho n'izindi nzego zibifitiye ububasha;</p> <p>2° gukurikirana imikorere y'Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB n'abakozi bayo no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa mu kuzuza inshingano zabwo;</p>	<p>are selected on the basis of their competence and expertise.</p> <p>At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors of RSSB must be women.</p> <p>The term of office of the members of the Board of Directors is five (5) years, renewable only once.</p> <p><b><u>Article 12: Responsibilities of the Board of Directors of RSSB</u></b></p> <p>The Board of Directors establishes RSSB's general policy and supervises its implementation.</p> <p>Particularly, the Board of Directors has the following responsibilities:</p> <p>1° to appoint other members of the General Management, except those appointed by other competent authorities;</p> <p>2° to oversee the functioning of the General Management and staff members of RSSB and provide strategic guidance to be followed in the fulfilment of its responsibilities;</p>	<p>RSSB sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.</p> <p>Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'administration du RSSB doivent être de sexe féminin.</p> <p>La durée du mandat des membres du Conseil d'administration est de cinq (5) ans, renouvelable une seule fois.</p> <p><b><u>Article 12: Attributions du Conseil d'administration du RSSB</u></b></p> <p>Le Conseil d'administration établit la politique générale du RSSB et en contrôle la mise en application.</p> <p>Plus particulièrement, le Conseil d'administration a les attributions suivantes:</p> <p>1° nommer d'autres membres de la Direction générale, à l'exception de ceux qui sont nommés par d'autres autorités compétentes;</p> <p>2° superviser le fonctionnement de la Direction générale et du personnel du RSSB et fournir une orientation stratégique devant être suivie dans l'accomplissement de ses attributions;</p>
---	---	---

*Official Gazette n° Special of 17/02/2021*

<p>3° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa bya RSSB hamwe na raporo zijyana na byo;</p>	<p>3° to approve the strategic plan and the action plan of RSSB and related reports;</p>	<p>3° approuver le plan stratégique et le plan d'action du RSSB et les rapports y relatifs;</p>
<p>4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya RSSB;</p>	<p>4° to approve the internal rules and regulations of RSSB;</p>	<p>4° approuver le règlement d'ordre intérieur du RSSB;</p>
<p>5° kwemeza umushinga w'amabwiriza yihariye agenga itangwa ry'amasoko ya RSSB yemezwa na Minisitiri ushinze ishoramari rya Leta;</p>	<p>5° to approve the draft of specific rules regulating RSSB procurement to be validated by the Minister in charge of public investment;</p>	<p>5° approuver le projet de règlement particulier régissant la passation des marchés du RSSB dont la validation revient au Ministre ayant l'investissement public dans ses attributions;</p>
<p>6° kwemeza ingengo y'imari ya RSSB no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;</p>	<p>6° to approve the budget of RSSB and monitor its execution;</p>	<p>6° approuver le budget du RSSB et faire le suivi de son exécution;</p>
<p>7° kwemeza politiki y'ishoramari ya RSSB;</p>	<p>7° to approve the investment policy of RSSB;</p>	<p>7° approuver la politique d'investissement du RSSB ;</p>
<p>8° kwemeza no gukurikirana gahunda y'ishoramari;</p>	<p>8° to approve and monitor the investment plan;</p>	<p>8° approuver et faire le suivi du plan d'investissement;</p>
<p>9° kwemeza imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RSSB imaze kubyunguranaho ibitekerezo n'urwego ruyireberera ;</p>	<p>9° to approve the organizational structure of RSSB upon consultation with the supervising authority of RSSB;</p>	<p>9° approuver la structure organisationnelle du RSSB après consultation avec l'autorité de tutelle du RSSB;</p>
<p>10° kwemeza imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba RSSB imaze kubyunguranaho ibitekerezo</p>	<p>10° to approve salaries and other fringe benefits of RSSB staff, upon consultation with the supervising</p>	<p>10° approuver les salaires et autres avantages accordés au personnel du RSSB après consultation avec</p>

<p>n'urwego rureberera RSSB;</p> <p>11° kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo y'umwaka urangiye;</p> <p>12° gushyikiriza urwego rureberera RSSB inyandiko y'ingengo y'imari y'umwaka, gahunda y'ibikorwa, raporo y'umwaka w'ibaruramari na raporo y'ibikorwa y'igihembwe;</p> <p>13° gushyiraho komite cyangwa komisiyo zo gushyira mu bikorwa inshingano zihariye igihe bibaye ngombwa;</p> <p>14° kwemeza impano n'indagano hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>authority of RSSB;</p> <p>11° to approve the report on the activities and use of property during the previous year;</p> <p>12° to submit the annual budget, the action plan, the annual financial report and the quarterly activity report to the supervising authority of RSSB;</p> <p>13° to set up committees or commissions to implement specific responsibilities, where need be;</p> <p>14° to approve donation and bequest in accordance with relevant legal provisions.</p>	<p>l'autorité de tutelle du RSSB;</p> <p>11° approuver le rapport d'activités et de l'utilisation du patrimoine de l'année précédente;</p> <p>12° transmettre le budget annuel, le plan d'action, le rapport financier annuel et le rapport d'activités trimestriels à l'autorité de tutelle du RSSB;</p> <p>13° créer des comités ou commissions en charge d'exécution des attributions spéciales, en cas de besoin;</p> <p>14° approuver les dons et legs conformément aux dispositions légales en la matière.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></b></p> <p>Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;</p> <p>2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;</p>	<p><b><u>Article 13: Duties of the Chairperson of the Board of Directors of RSSB</u></b></p> <p>The Chairperson of the Board of Directors has the following duties:</p> <p>1° to preside over the Board of Directors and coordinate its activities;</p> <p>2° to convene and chair meetings of the Board of Directors;</p>	<p><b><u>Article 13: Attributions du Président du Conseil d'administration du RSSB</u></b></p> <p>Le Président du Conseil d'administration a les attributions suivantes:</p> <p>1° présider le Conseil d'administration et coordonner ses activités;</p> <p>2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'administration;</p>



<p>3° gushyikiriza raporo z'inama y'Inama y'Ubuyobozi urwego rureberera RSSB;</p> <p>4° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;</p> <p>5° gukora indi mirimo yose yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.</p>	<p>3° to submit minutes of meetings of the Board of Directors to the supervising authority of RSSB;</p> <p>4° to follow up on the implementation of resolutions of the Board of Directors;</p> <p>5° to perform any other duty that may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within its responsibilities.</p>	<p>3° transmettre les rapports des réunions du Conseil d'administration à l'autorité de tutelle du RSSB;</p> <p>4° faire le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'administration;</p> <p>5° effectuer toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'administration que ce dernier peut lui confier.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14 : Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 14: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 14: Attributions du Vice-Président du Conseil d'administration du RSSB</u></b></p>
<p>Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB afite inshingano zikurikira:</p>	<p>The Deputy Chairperson of the Board of Directors of RSSB has the following duties:</p>	<p>Le Vice-Président du Conseil d'administration du RSSB a les attributions suivantes:</p>
<p>1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;</p> <p>2° gukora indi mirimo yose yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB iri mu nshingano zayo.</p>	<p>1° to assist the Chairperson and replace him or her in case of absence;</p> <p>2° to perform any other duty that may be assigned to him or her by the Board of Directors of RSSB falling within its responsibilities.</p>	<p>1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence;</p> <p>2° effectuer toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'administration du RSSB que ce dernier peut lui confier.</p>

<b><u>Ingingo ya 15 : Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa</u></b>	<b><u>Article 15: Reasons for loss of membership of the Board of Directors of RSSB and modalities for replacement</u></b>	<b><u>Article 15: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'administration du RSSB et modalités de remplacement</u></b>
<p>Ugize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB ava kuri uwo mwanya iyo:</p>	<p>A member of the Board of Directors loses membership if:</p>	<p>Un membre du Conseil d'administration cesse d'être membre si:</p>
<p>1° manda ye irangiye;</p>	<p>1° his or her term of office expires;</p>	<p>1° son mandat expire;</p>
<p>2° yeguye akoresheje inyandiko;</p>	<p>2° he or she resigns in writing;</p>	<p>2° il démissionne par écrit;</p>
<p>3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;</p>	<p>3° he or she is unable to carry on his or her duties due to physical or mental incapacity ascertained by an authorised medical doctor;</p>	<p>3° il est dans l'impossibilité de poursuivre ses fonctions due à l'incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;</p>
<p>4° akatiwe burundu igihano kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);</p>	<p>4° he or she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;</p>	<p>4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;</p>
<p>5° akuweho nk'umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi;</p>	<p>5° he or she is removed from office as a member of Board of Directors;</p>	<p>5° il est révoqué de ses fonctions de membre du Conseil d'administration;</p>
<p>6° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;</p>	<p>6° he or she fails to attend three (3) consecutive meetings without valid reasons;</p>	<p>6° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables ;</p>
<p>7° agaragaje imyitwarire yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;</p>	<p>7° he or she manifests any behaviours likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position;</p>	<p>7° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang;</p>

*Official Gazette n° Special of 17/02/2021*

<p>8° abangamira inyungu za RSSB;</p> <p>9° ahamwe n'icyaha cya jenocide, icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide cyangwa n'ibindi byaha bifitanye isano nayo;</p> <p>10° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;</p> <p>11° apfuye.</p> <p>Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza igihe cya manda y'uwo asimbuye.</p> <p>Icyakora, iyo hasigaye igihe kitarenze amezi atandatu (6) ngo manda irangire, kandi kuva mu mwanya kwe kudatuma habura umubare wa ngombwa kugira ngo Inama y'Ubuyobozi iterane, ugize Inama y'Ubuyobozi wavuye mu mwanya ntasimburwa.</p>	<p>8° he or she jeopardizes the interests of RSSB;</p> <p>9° he or she is convicted of the crime of genocide, genocide ideology or other related crimes;</p> <p>10° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment;</p> <p>11° he or she dies.</p> <p>In case a member of the Board of Directors of RSSB loses membership before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete the remainder of his or her predecessor's term of office.</p> <p>However, where the remainder of the term of office is less than six (6) months, the member of the Board of Directors who lost his or her position is not replaced provided that the vacancy cannot affect the required quorum for meetings of the Board of Directors.</p>	<p>8° il compromet les intérêts du RSSB;</p> <p>9° il est reconnu coupable du crime de génocide, crime d'idéologie du génocide ou autres crimes connexes;</p> <p>10° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé ;</p> <p>11° il décède.</p> <p>Lorsqu'un membre du Conseil d'administration du RSSB perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le restant du mandat de son prédécesseur.</p> <p>Toutefois, lorsqu'un membre du Conseil d'administration perd sa qualité de membre à moins de six (6) mois de la fin de son mandat et que cette vacance de poste n'affecte pas le quorum requis pour la tenue des réunions du Conseil d'Administration, il n'est pas remplacé.</p>
--	--	---

<p><b>Ingingo ya 16: Itumizwa n’iterana ry’Inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB n’ifatwa ry’ibyemezo</b></p> <p>Inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB iterana rimwe mu gihembwe n’igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy’abayigize.</p> <p>Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y’Ubuyobozi ya RSSB hasigaye nibura iminsi cumi n’itanu (15) ngo inama iterane.</p> <p>Icyakora, bitewe n’ubwihutirwe, inama y’Inama y’Ubuyobozi ishobora gutumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) kugira ngo iterane, cyangwa hatitawe ku gihe, iyo abagize Inama y’Ubuyobozi bese babyemeye.</p> <p>Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by’abayigize. Icyakora, iyo batabonetse, inama ikurikira iterana hitabiriye nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy’abayigize Inama y’Ubuyobozi.</p>	<p><b>Article 16: Convening and holding of the meeting of the Board of Directors of RSSB and decision-making</b></p> <p>The meeting of the Board of Directors of RSSB is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or the Deputy Chairperson in case of absence of the Chairperson, at his or her own initiative or upon request in writing by at least a third (1/3) of its members.</p> <p>The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors of RSSB at least fifteen (15) days before the meeting is held.</p> <p>However, in case of urgency, the meeting of the Board of Directors may be convened in writing at least three (3) days before the meeting is held or without delay if all Board’s members agree.</p> <p>The quorum for the meeting of the Board of Directors is two thirds (2/3) of its members. However, when that quorum is not reached, the subsequent meeting is held upon the presence of at least a half (1/2) of members of the Board of Directors.</p>	<p><b>Article 16: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’administration du RSSB et prise de décision</b></p> <p>La réunion du Conseil d’administration du RSSB se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d’absence du Président, de sa propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.</p> <p>L’invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d’administration du RSSB au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>Toutefois, en cas d’urgence, la réunion du Conseil d’administration peut être convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion ou sans délai, si tous les membres du Conseil y consentent.</p> <p>Le quorum de la réunion du Conseil d’administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, lorsque ledit quorum n’est pas obtenu, la tenue de la réunion suivante requiert la présence d’au moins de la moitié (1/2) des membres du Conseil d’Administration.</p>
---	--	---

<p>Umuyobozi Mukuru wa RSSB yitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.</p>	<p>The Chief Executive Officer of RSSB attends the Board of Director’s meetings but has no right to vote in decision making.</p>	<p>Le Directeur général du RSSB participe aux réunions du Conseil d’Administration mais n’a pas le droit de voter lors de la prise de décision.</p>
<p>Umuyobozi Mukuru wa RSSB ntiyitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi zifata ibyemezo ku bibazo bimwerekeyeho.</p>	<p>The Chief Executive Officer of RSSB does not participate in the meetings of the Board of Directors that take decisions on issues that concern him or her.</p>	<p>Le Directeur Général du RSSB ne participe pas aux réunions du Conseil d’Administration qui prennent des décisions qui le concernent.</p>
<p>Inama y’Inama y’Ubuyobozi ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’abahari. Mu gihe nta bwiganze bw’amajwi bubonetse, ijwi ry’uyoboze inama rikemura impaka.</p>	<p>The meeting of the Board of Directors makes decisions by consensus. If not, decisions are made by absolute majority votes of members present. In case of a tie, the Chairperson of the meeting has the casting vote.</p>	<p>Le Conseil d’administration prend ses décisions par consensus. A défaut, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents. La voix du Président de la réunion est prépondérante en cas d’égalité des voix.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17: Umwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 17: Rapporteur of the meeting of RSSB Board of Directors</u></b></p>	<p><b><u>Article 17: Rapporteur de la réunion du Conseil d’administration du RSSB</u></b></p>
<p>Amategeko ngengamikorere ya RSSB akena umwanditsi w’inama y’inama y’ubuyobozi.</p>	<p>The internal rules and regulations of RSSB designates the Rapporteur of the meeting of Board of Directors.</p>	<p>Le règlement d’ordre intérieur du RSSB désigne le Rapporteur de la réunion du Conseil d’administration.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18 : Itumira ry’undi muntu mu nama y’Inama y’Ubuyobozi ya RSSB.</u></b></p>	<p><b><u>Article 18: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors</u></b></p>	<p><b><u>Article 18: Invitation d’une personne ressource à la réunion du Conseil d’administration</u></b></p>
<p>Inama y’Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo iri ku murongo w’ibyigwa.</p>	<p>The Board of Directors may invite in its meeting any resource person from whom it may seek advice on an item on the agenda.</p>	<p>Le Conseil d’administration peut inviter à sa réunion toute personne ressource dont il peut obtenir des conseils sur un point inscrit à l’ordre du jour.</p>

<p>Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.</p>	<p>The invitee is not allowed either to vote or to follow debates on other items on the agenda.</p>	<p>La personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour.</p>
<p>Umuntu wese watumiwe mu nama y'Inama y'Ubuyobozi, Umuyobozi Mukuru n'abagize Inama y'Ubuyobozi ntibagomba kumena ibanga ry'akazi.</p>	<p>Any invitee in the meeting of the Board of Directors, the Chief Executive Officer and the Board members are bound by professional secrecy.</p>	<p>Une personne invitée à assister à la réunion du Conseil d'administration, le Directeur Général ainsi que les membres du Conseil d'administration, sont tenus au secret professionnel.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB na raporo yayo</p>	<p><b><u>Article 19:</u></b> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors</p>	<p><b><u>Article 19:</u></b> Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'administration</p>
<p>Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB ishyirwaho umukono n'abayigize bayitabiriye inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa urwego rureberera RSSB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi ikurikira umunsi inama yarangiriyeho.</p>	<p>Resolutions of the meeting of the Board of Directors of RSSB are signed by its present members at the conclusion of the meeting, and a copy thereof is sent to the supervising authority of RSSB within five working (5) days from the day on which the meeting was closed.</p>	<p>Les résolutions du Conseil d'administration du RSSB sont signées par ses membres présents à la clôture de la séance et leur copie est transmise à l'autorité de tutelle du RSSB endéans cinq (5) jours ouvrables suivant la date de clôture de la réunion.</p>
<p>Umuyobozi w'urwego rureberera RSSB atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi guhera ku muni ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo abivuzeho, ibyemezo by'inama biba byemejwe burundu.</p>	<p>The head of the supervising authority of RSSB gives his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within five (5) working days from the date of receipt. If this period expires before he or she gives his or her views, the resolutions of the meeting are considered as definitively approved.</p>	<p>Le responsable de l'autorité de tutelle du RSSB donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d'administration endéans cinq (5) jours ouvrables à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives.</p>
<p>Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB yemezwa mu nama</p>	<p>The minutes of the meeting of the Board of Directors of RSSB is approved in the following</p>	<p>Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'administration est approuvé à la réunion</p>

<p>ikurikira igashyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo.</p> <p>Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa urwego rureberera RSSB mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi guhera umunsi yemerejweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa</b></p> <p>Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RSSB afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.</p> <p>Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, icyo kibazo gishyikirizwa urwego rureberera RSSB rukagifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).</p>	<p>meeting and signed by the Chairperson of the meeting and the rapporteur.</p> <p>The copy of the minutes of the meeting is sent to the authority supervising RSSB within fifteen (15) days from the day of its approval.</p> <p><b><u>Article 20:</u> Personal interest in issues on the agenda</b></p> <p>A member of the Board of Directors of RSSB who has a direct or indirect interest in the issue to be considered must immediately inform the Board of Directors about where his or her interest lies. The member who notifies of his or her interest in the issue to be considered cannot attend the meeting deliberating on the issue.</p> <p>When it is established that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issue to be considered in such a way that it is impossible to take a decision on the issue, the issue is submitted to the supervising authority of RSSB to decide thereon within thirty (30) days.</p>	<p>suiivante et est signé par le Président de la réunion et son rapporteur.</p> <p>Une copie du procès-verbal de la réunion est transmise à l'autorité de tutelle du RSSB endéans quinze (15) jours à compter de la date de son approbation.</p> <p><b><u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour</b></p> <p>Un membre du Conseil d'administration du RSSB qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner doit en informer immédiatement le Conseil d'administration et montrer où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne peut pas participer à la réunion qui examine ce sujet.</p> <p>Lorsqu'il est établi que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'administration ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décision sur ce point devienne impossible, ce point est soumis à l'autorité de tutelle du RSSB pour décision endéans trente (30) jours.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 21: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi</u></b></p> <p>Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi.</p>	<p><b><u>Article 21: Benefits of members of the Board of Directors</u></b></p> <p>A presidential order determines fringe benefits for members of the Board of Directors.</p>	<p><b><u>Article 21: Avantages des membres du Conseil d'administration</u></b></p> <p>Un arrêté présidentiel détermine les avantages alloués aux membres du Conseil d'administration.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 22: Uburyozwe bw'abagize Inama y'Ubuyobozi</u></b></p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko ahana, abagize Inama y'Ubuyobozi bagize uruhare mu micungire mibi ya RSSB cyangwa bayiteje igihombo umwe ku giti cye cyangwa bose hamwe, baryozwa amakosa bakoze, uretse ugize Inama y'Ubuyobozi wagaragaje mu nama ko atemera icyemezo cyafashwe, bikandikwa mu nyandikomvugo y'inama y'uwo munsu.</p>	<p><b><u>Article 22: Liability of members of the Board of Directors</u></b></p> <p>Without prejudice to provisions of criminal laws, members of the Board of Directors who are individually or collectively involved in the mismanagement of or causing loss to RSSB are liable for their faults, apart from a member of the Board of Directors who, during the meeting, dissents from a decision taken, whose dissent is recorded in the minutes of that same day's meeting.</p>	<p><b><u>Article 22: Responsabilité des membres du Conseil d'administration</u></b></p> <p>Sans préjudice des dispositions des lois pénales, les membres du Conseil d'administration impliqués individuellement ou collectivement dans la mauvaise gestion du RSSB ou qui lui causent une perte sont responsables de leurs fautes, à l'exception d'un membre du Conseil d'administration qui, au cours d'une réunion, manifeste son désaccord avec la décision prise, lequel désaccord est mentionné dans le rapport de la réunion du même jour.</p>
<p><b><u>Akiciro ka 2: Ubuyobozi Bukuru</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 23 : Abagize Ubuyobozi Bukuru</u></b></p> <p>Ubuyobozi Bukuru bugizwe n'Umuyobozi Mukuru wa RSSB ushyirwaho n'Iteka rya Perezida amaze kwemezwa na Sena n'abandi bayobozi muri RSSB bemezwa n'Inama y'Ubuyobozi.</p>	<p><b><u>Subsection 2: General Management</u></b></p> <p><b><u>Article 23: Composition of the General Management</u></b></p> <p>The General Management is composed of the Chief Executive Officer of RSSB appointed by a presidential order upon approval by the Senate as well as other RSSB officials approved by the Board of Directors.</p>	<p><b><u>Sous-section 2: Direction générale</u></b></p> <p><b><u>Article 23: Composition de la Direction générale</u></b></p> <p>La Direction générale est composée du Directeur général du RSSB nommé par arrêté présidentiel après approbation du Sénat ainsi que d'autres cadres du RSSB approuvés par le Conseil d'administration.</p>



<p>Iteka rya Perezida rishobora gushyiraho Umuyobozi Mukuru wungirije rikanagena inshingano ze amaze kwemezwa na Sena.</p>	<p>A presidential order may appoint and determine responsibilities of a Deputy Chief Executive Officer of RSSB upon approval by the Senate.</p>	<p>Un arrêté présidentiel peut nommer et déterminer les attributions d'un Directeur général adjoint du RSSB après approbation du Sénat.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24: Inshingano z'Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 24: Responsibilities of the General Management</u></b></p>	<p><b><u>Article 24: Attributions de la Direction générale</u></b></p>
<p>Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB bufite inshingano zikurikira:</p>	<p>The General Management has the following responsibilities:</p>	<p>La Direction générale a les attributions suivantes:</p>
<p>1° guhuza ibikorwa bya buri muni bya RSSB;</p>	<p>1° to coordinate daily activities of RSSB;</p>	<p>1° coordonner les activités quotidiennes du RSSB;</p>
<p>2° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya RSSB ;</p>	<p>2° to implement the resolutions of the Board of Directors of RSSB;</p>	<p>2° exécuter les résolutions du Conseil d'administration du RSSB;</p>
<p>3° guhuza ibikorwa byo gutegura gahunda y'ishoramari ya RSSB;</p>	<p>3° to coordinate the process of development of RSSB investment plan;</p>	<p>3° coordonner l'activité d'élaboration du plan d'investissement du RSSB;</p>
<p>4° gushaka no gucunga abakozi ba RSSB;</p>	<p>4° to ensure recruitment and management of human resources of RSSB;</p>	<p>4° recruter et assurer la gestion des ressources humaines du RSSB ;</p>
<p>5° gucunga imari n'umutungo bya RSSB;</p>	<p>5° to ensure management of finance and property of RSSB;</p>	<p>5° assurer la gestion des finances et du patrimoine du RSSB ;</p>
<p>6° gutegura no guhuza gahunda na raporo by'ibikorwa;</p>	<p>6° to prepare and coordinate the action plan and activity report;</p>	<p>6° élaborer et coordonner le plan d'action et le rapport d'activités ;</p>
<p>7° gutegura umushinga w'ingengo y'imari ya RSSB;</p>	<p>7° to prepare a draft budget of RSSB;</p>	<p>7° élaborer le projet de budget du RSSB ;</p>

<p>8° gutegura imbanzirizamushinga y'amabwiriza yihariye agenga amasoko ya RSSB.</p> <p><b><u>Ingingo ya 25: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru wa RSSB</u></b></p> <p>Umuyobozi Mukuru wa RSSB ashinzwe ibi bikurikira:</p> <p>1° gukurikirana no guhuza ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo ya buri muni ya RSSB;</p> <p>2° gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi gahunda y'ibikorwa n'umushinga w'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;</p> <p>3° kugeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari bya RSSB ku Nama y'Ubuyobozi nibura rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa;</p> <p>4° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RSSB;</p> <p>5° gutegura gahunda y'ishoramari ya RSSB no kuyishyikiriza Inama</p>	<p>8° to prepare the preliminary draft of specific rules regulating RSSB procurement.</p> <p><b><u>Article 25: Duties of the Chief Executive Officer of RSSB</u></b></p> <p>The Chief Executive Officer of RSSB has the following duties:</p> <p>1° to monitor and coordinate daily activities of RSSB;</p> <p>2° to submit to the Board of Directors the action plan and the draft budget proposal for the following year as well as the budget execution report of the previous financial year;</p> <p>3° to submit to the Board of Directors the activity report and budget execution report of RSSB at least once a quarter and anytime if considered necessary;</p> <p>4° to prepare the draft internal rules and regulations of RSSB;</p> <p>5° to develop the investment plan of RSSB and refer it to the Board of Directors;</p>	<p>8° élaborer l'avant-projet de règlement particulier régissant la passation des marchés du RSSB.</p> <p><b><u>Article 25: Attributions du Directeur général du RSSB</u></b></p> <p>Le Directeur général du RSSB a les attributions suivantes:</p> <p>1° faire le suivi et coordonner l'exécution des activités quotidiennes du RSSB;</p> <p>2° transmettre au Conseil d'administration le plan d'action et l'avant-projet du budget pour l'exercice suivant, ainsi que le rapport d'exécution budgétaire de l'exercice précédent;</p> <p>3° transmettre au Conseil d'administration le rapport d'activités et le rapport d'exécution budgétaire du RSSB au moins une fois par trimestre et chaque fois que de besoin;</p> <p>4° élaborer le projet du règlement d'ordre intérieur du RSSB;</p> <p>5° élaborer le plan d'investissement du RSSB et le soumettre au Conseil</p>
---	--	---

<p>y'Ubuyobozi;</p> <p>6° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa RSSB;</p> <p>7° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imbonerahamwe y'imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba RSSB;</p> <p>8° guhagararira RSSB imbere y'amategeko;</p> <p>9° gukora indi nshingano yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za RSSB.</p>	<p>6° to ensure the execution of the budget and management of the property of RSSB;</p> <p>7° to prepare and refer to the Board of Directors the organisational structure, the salary structure and other fringe benefits of RSSB staff;</p> <p>8° to act as the legal representative of RSSB;</p> <p>9° to perform such other duty falling within the responsibilities of RSSB as may be assigned by the Board of Directors.</p>	<p>d'administration ;</p> <p>6° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine du RSSB;</p> <p>7° préparer et soumettre au Conseil d'administration la structure organisationnelle, la structure salariale et autres avantages accordés au personnel;</p> <p>8° être le représentant légal du RSSB ;</p> <p>9° effectuer toute autre tâche relevant des attributions du RSSB que le Conseil d'administration peut lui confier.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 26: Ishyirwaho ry'abakozi ba RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 26: Recruitment of human resources</u></b></p>	<p><b><u>Article 26: Recrutement des ressources humaines</u></b></p>
<p>Abakozi ba RSSB bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>Human resources of RSSB are recruited in accordance with relevant laws.</p>	<p>Les ressources humaines du RSSB sont recrutées conformément aux dispositions légales en la matière.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 27: Sitati igenga abakozi ba RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 27: Statutes governing staff members of RSSB</u></b></p>	<p><b><u>Article 27: Statut régissant les membres du personnel du RSSB</u></b></p>
<p>Abakozi ba RSSB bagengwa na Sitati yihariye ishyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.</p>	<p>Staff members of RSSB are governed by special statutes instituted by an order of the Prime Minister.</p>	<p>Les membres du personnel du RSSB sont régis par un statut particulier institué par arrêté du Premier ministre.</p>

<b><u>Akiciro ka 3: Ingingo zihuriweho</u></b>	<b><u>Subsection 3: Common provisions</u></b>	<b><u>Sous-section 3: Dispositions communes</u></b>
<p><b><u>Ingingo ya 28 : Ibitabangikanywa</u></b></p> <p>Abagize Inama y’Ubuyobozi ya RSSB ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa umushahara muri RSSB.</p> <p>Abagize Inama y’Ubuyobozi n’abagize Ubuyobozi Bukuru bya RSSB ntibemerewe gupiganira amasoko atangwa na RSSB, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane.</p> <p>Birabujijwe ku bagize Inama y’Ubuyobozi n’abagize Ubuyobozi Bukuru bya RSSB kugirana na yo amasezerano ayo ari yo yose yabahesha ibindi uretse ibyo bagenerwa hakurikijwe iri tegeko. Bitabangamiye uburyozwe bw’uwo bireba ayo masezerano nta gaciro agira.</p> <p>Ibibujijwe muri iyi ngingo bibujijwe no ku bashakanye n’abagize Inama y’Ubuyobozi, ndetse n’abashakanye n’abagize Ubuyobozi Bukuru bya RSSB, ababyeyi n’abana babo kimwe n’uwo ari we wese wabikora mu izina ryabo.</p>	<p><b><u>Article 28: Incompatibilities</u></b></p> <p>Members of the Board of Directors of RSSB are not allowed to perform any salaried activity within RSSB.</p> <p>Members of the Board of Directors and members of the General Management are not allowed, either individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of RSSB.</p> <p>Members of Board of Directors and members of the General Management of RSSB are prohibited from contracting with RSSB any form of benefits other than those provided in accordance with this Law. Without prejudice to the liability of the concerned person, such a contract is void.</p> <p>Prohibitions provided for in this Article also apply to the spouses of members of Board of Directors and those of members of the General Management of RSSB, their ascendants and descendants as well as to any intermediary.</p>	<p><b><u>Article 28: Incompatibilités</u></b></p> <p>Les membres du Conseil d’administration du RSSB ne sont pas autorisés à exercer une fonction salariée au sein du RSSB.</p> <p>Les membres du Conseil d’administration et membres de la Direction générale ne sont pas autorisés, ni individuellement ni par l’intermédiaire des sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés du RSSB.</p> <p>Il est interdit aux membres du Conseil d’administration et aux membres de la Direction générale du RSSB de contracter, sous quelque forme que ce soit, auprès du RSSB des avantages autres que ceux accordés conformément à la présente loi. Sans préjudice de la responsabilité de l’intéressé, ce contrat est nul.</p> <p>Les interdictions prévues au présent article s’appliquent également aux conjoints des membres du Conseil d’administration et ceux des membres la Direction générale du RSSB, leurs ascendants et descendants ainsi qu’à toute personne intermédiaire.</p>

<p><b><u>Icyiciro cya 2: Imikorere ya RSSB</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 29: Uburyo bw'imikorere n'imikoranire by'inzego za RSSB</u></b></p> <p>Amategeko ngengamikorere ya RSSB ateganya uburyo bw'imikorere n'imikoranire by'inzego zayo budateganyijwe n'iri tegeko.</p> <p>Inzego za RSSB zisohozza inshingano zazo kandi zigafata ibyemezo hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p><b><u>Section 2: Functioning of RSSB</u></b></p> <p><b><u>Article 29: Modalities of functioning and collaboration of RSSB organs</u></b></p> <p>The Internal Rules and Regulations of RSSB determine modalities for the functioning and collaboration of its organs where such modalities are not provided for in this Law.</p> <p>Organs of RSSB fulfil their responsibilities and take decisions in accordance with relevant laws.</p>	<p><b><u>Section 2: Fonctionnement du RSSB</u></b></p> <p><b><u>Article 29: Modalités de fonctionnement et de collaboration des organes du RSSB</u></b></p> <p>Le règlement d'ordre intérieur du RSSB détermine les modalités de fonctionnement et de collaboration entre ses organes lorsque ces modalités ne sont pas prévues par la présente loi.</p> <p>Les organes du RSSB remplissent leurs attributions et prennent des décisions conformément à la législation en la matière.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI BYA RSSB</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 30: Umutungo wa RSSB n'inkomoko yawo</u></b></p> <p>Umutungo wa RSSB ugizwe n'imitungo yimukanwa n'itimukanwa. Ukomoka kuri ibi bikurikira:</p> <p>1° imisanzu n'inkunga biteganywa n'amategeko;</p> <p>2° amafaranga akomoka ku bihano by'ubukerererwe byo kumenyekanisha no kwishyura</p>	<p><b><u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE OF RSSB</u></b></p> <p><b><u>Article 30: Property of RSSB and its sources</u></b></p> <p>The property of RSSB is comprised of movable and immovable assets. It comes from the following sources:</p> <p>1° contributions and subsidies determined by law;</p> <p>2° funds accrued from penalties for late declaration and payment of social security contribution;</p>	<p><b><u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES DU RSSB</u></b></p> <p><b><u>Article 30: Patrimoine du RSSB et ses sources</u></b></p> <p>Le patrimoine du RSSB comprend les biens meubles et immeubles. Il provient des sources suivantes:</p> <p>1° les cotisations et les subventions déterminées par la loi;</p> <p>2° les pénalités de retard de déclaration et de paiement des cotisations sociales;</p>

<p>imisanzu;</p> <p>3° amafaranga akomoka ku ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iteganywa n'amategeko;</p> <p>4° ibituruka kuri serivisi itanga;</p> <p>5° inyungu zikomoka ku ishoramari;</p> <p>6° impano n'indagano;</p> <p>7° umutungo wahoze ari uw'ikigo cya RSSB.</p> <p><b><u>Ingingo ya 31</u> : Itegurwa n'iyemezwa ry'Umushinga w'ingengo y'imari, gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibaruramari by'umwaka</b></p> <p>Buri mwaka, Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB butegura umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka bukayishyikiriza Inama y'Ubuyobozi ya RSSB kugira ngo iwemeze.</p> <p>Umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka ugomba kuba uherekewe na gahunda y'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari utangiye bisabirwa kwemezwa.</p> <p>Ingengo y'imari ya RSSB yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>3° funds accrued from administrative fines provided for by relevant laws;</p> <p>4° income from services it provides;</p> <p>5° interests from investments;</p> <p>6° donation and bequest;</p> <p>7° property owned by the former RSSB.</p> <p><b><u>Article 31: Drafting and approval of annual budget proposal, action plan and financial report</u></b></p> <p>Every year, the General Management prepares a draft annual budget proposal and submits it to the Board of Directors for approval.</p> <p>The draft annual budget proposal for RSSB must be accompanied by the action plan for the next financial year for adoption.</p> <p>The budget of RSSB is approved and managed in accordance with relevant legal provisions.</p>	<p>3° les amendes administratives prévues par les lois en la matière;</p> <p>4° le produit des services rendus;</p> <p>5° les intérêts des investissements;</p> <p>6° les dons et legs;</p> <p>7° le patrimoine possédé par l'ancien RSSB.</p> <p><b><u>Article 31: Préparation et adoption de l'avant-projet du budget, plan d'action et rapport financier annuels</u></b></p> <p>Chaque année, la Direction générale prépare l'avant-projet du budget annuel et le transmet au Conseil d'administration pour approbation.</p> <p>L'avant-projet du budget annuel doit être accompagné du plan d'action de l'exercice suivant pour adoption.</p> <p>Le budget du RSSB ainsi que sa gestion se fait conformément aux dispositions légales en la</p>
---	---	---

<p>Mu mezi atatu (3) akurikira impera z’umwaka w’ingengo y’imari, Umuyobozi Mukuru wa RSSB ashyikiriza Inama y’Ubuyobozi raporo y’umwaka w’ibaruramari kugira ngo iyemeze.</p> <p><b><u>Ingingo ya 32 : Imikoreshereze, imicungire n’imiguzurire by’umutungo wa RSSB</u></b></p> <p>Imari n’umutungo bya RSSB bikoreshwa kandi bigacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>Ubugenzuzi bw’imari n’umutungo bya RSSB bukorwa n’Urwego rw’Ubugenzuzi Bukuru bw’Imari ya Leta hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry’imikoreshereze y’umutungo wa RSSB bukorera raporo Inama y’Ubuyobozi ya RSSB bugaha kopi Umuyobozi Mukuru wa RSSB.</p> <p>RSSB ishobora kwitabaza abagenzuzi b’imari baturutse hanze, bisabwe Urwego rw’Ubugenzuzi Bukuru bw’Imari ya Leta rukabyemera.</p>	<p>Within three (3) months following the closure of the financial year, the Chief Executive Officer of RSSB submits to the Board of Directors the annual financial report for approval.</p> <p><b><u>Article 32: Use, management and audit of property of RSSB</u></b></p> <p>The finance and property of RSSB are used and managed in accordance with relevant laws.</p> <p>The audit of RSSB finance and property is performed by the Office of the Auditor General of State Finances in accordance with relevant laws in force.</p> <p>The internal audit of RSSB submits its report to the Board of Directors, with a copy to the Chief Executive Officer.</p> <p>RSSB may seek the external audit service upon request to and approval of the Office of the Auditor General of State Finances.</p>	<p>matière.</p> <p>Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l’exercice financier, le Directeur général du RSSB transmet au Conseil d’administration le rapport financier annuel pour approbation.</p> <p><b><u>Article 32: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du RSSB</u></b></p> <p>Les finances et le patrimoine du RSSB sont utilisés et gérés conformément à la législation en la matière.</p> <p>L’audit des finances et du patrimoine du RSSB est effectué par l’Office de l’auditeur General des finances de l’Etat conformément aux dispositions légales en la matière.</p> <p>L’audit interne du RSSB soumet son rapport au Conseil d’administration, avec copie au Directeur général.</p> <p>Le RSSB peut solliciter le service de l’auditeur externe après une demande approuvée de l’Office de l’Auditeur général des finances de l’Etat.</p>
--	---	---

<p><b>UMUTWE WA V: INGINGO Y'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA</b></p>	<p><b>CHAPTER V: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 33 : Agaciro k'ibyakozwe</u></b></p> <p>Ibyakozwe na RSSB yashyizweho n'Itegeko n° 45/2010 ryo ku wa 14/12/2010 rishyiraho Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, bikomeza kugira agaciro kabyo.</p>	<p><b><u>Article 33: Validity of actions undertaken</u></b></p> <p>Actions undertaken by RSSB established by Law n° 45/2010 of 14/12/2010 establishing Rwanda Social Security Board (RSSB) and determining its mission, organisation and functioning as amended to date remain valid.</p>	<p><b><u>Article 33: Validité des actes posés</u></b></p> <p>Les actes posés par le RSSB créé par la Loi n° 45/2010 du 14/12/2010 portant création de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée à ce jour restent valides.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 34: Kwegurirwa umutungo, amasezerano n'imyenda</u></b></p> <p>Imitungo yimukanwa, itimukanwa amasezerano n'imyenda byari iby'ikigo cya RSSB yashyizweho n'Itegeko n° 45/2010 ryo ku wa 14/12/2010 rishyiraho Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu byeguriwe RSSB ishizweho n'iri tegeko.</p>	<p><b><u>Article 34 : Transfer of property, contracts and liabilities</u></b></p> <p>Movable and immovable property as well as liabilities and contracts formerly owned by the RSSB established by Law No n° 45/2010 of 14/12/2010 establishing Rwanda Social Security Board (RSSB) and determining its mission, organisation and functioning as amended to date are transferred to the RSSB established by this Law.</p>	<p><b><u>Article 34 : Transfert du patrimoine, des contrats et du passif</u></b></p> <p>Les biens meubles et immeubles ainsi que le passif et les contrats de l'ancien RSSB créé par la Loi n° 45/2010 du 14/12/2010 portant création de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée à ce jour sont transférés au RSSB créé par la présente loi.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 35: Kwegurirwa abakozi</u></b></p> <p>Abakozi bari ab'ikigo cya RSSB cyashyizweho n'Itegeko n° 45/2010 ryo ku wa 14/12/2010 rishyiraho Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB)</p>	<p><b><u>Article 35 : Transfer of employees</u></b></p> <p>Former employees of the RSSB established by Law No n° 45/2010 of 14/12/2010 establishing Rwanda Social Security Board (RSSB) and determining its mission, organisation and</p>	<p><b><u>Article 35 : Transfert du personnel</u></b></p> <p>Les anciens employés du RSSB créé par la Loi n° 45/2010 de la 14/12/2010 portante création de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB) et déterminant sa mission,</p>



<p>rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, beguriwe RSSB ishyizweho n'iri tegeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 36: Igihe cy'inzibacyuho</u></b></p> <p>Inzego zirebwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko zihawe igihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) uherye umunsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, kugira ngo zibe zashyize mu bikorwa ibiteganywa n'iri tegeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 37: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 38 : Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko</u></b></p> <p>Itegeko n° 45/2010 ryo ku wa 14/12/2010 rishyiraho Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, kimwe n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.</p>	<p>functioning as amended to date are transferred to the RSSB established by this law.</p> <p><b><u>Article 36: Transitional period</u></b></p> <p>Institutions involved in the implementation of this Law are given a period not exceeding twelve (12) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to comply with the provisions of this Law.</p> <p><b><u>Article 37: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></b></p> <p>This Law was drafted in French, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 38: Repealing provision</u></b></p> <p>The Law n° 45/2010 of 14/12/2010 establishing Rwanda Social Security Board (RSSB) and determining its mission, organisation and functioning as amended to date as well as other prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p>	<p>son organisation et son fonctionnement telle que modifiée à ce jour sont transférés au RSSB créé par la présente loi.</p> <p><b><u>Article 36: Période transitoire</u></b></p> <p>Les institutions concernées par l'application de la présente loi disposent d'une période n'excédant pas douze (12) mois à compter du jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer aux dispositions de la présente loi.</p> <p><b><u>Article 37: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée en français, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 38: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>La loi n°45/2010 du 14/12/2010 portant création de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée à ce jour ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 39: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 39: Commencement</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 39: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	--

Kigali, 16/02/2021

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux